*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) zarangije manda zazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana.*

# DISIKURU

**PEREZIDA**

*(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangazamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT).*

Lahe, tariki ya 8 Kamena 2020

## Ijambo Perezida wa IRMCT yagejeje ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye
## Umucamanza Carmel Agius
## Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha (IRMCT)
## 8 Kamena 2020

*Madamu Perezida*,

Ba Nyakubahwa,

Namwe mwese muteraniye aha,

Mu Ukuboza 2019, ubwo mperutse kubagezaho ijambo, isi twarimo icyo gihe itandukanye cyane n'uko imeze magingo aya. Icyo gihe nicaye imbere yanyu maze mbagezaho raporo yanjye ndi ku ruhande rumwe rw'ameza ateye nk'uruziga rudafunze, mu cyumba Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi iteraniramo. Icyo gihe IRMCT yateganyaga gusoza imanza, irimo kuburanisha, mbere y'impera z'uyu mwaka maze hagasigara gusa imirimo yerekeranye n'ubujurire yaba ihari. Twiteguraga gutangira kwibanda ku mirimo y'insigarira y'igihe kirekire, nk'uko byateganyijwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye.

Ku bw'ibyago, nta hantu na hamwe ku isi iki cyorezo giteye ubwoba kitageze, bityo, uyu munsi, ndimo kubagezaho iri jambo kuri mudasobwa ndi i Lahe, mu by'ukuri ndumva cyane uburemere bw'inshingano nahawe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi. Izo nshingano ziri mu byiciro binyuranye: izo mfite zerekeranye n'abaregwa, abafungwa, n'abantu bakatiwe, bamwe bakaba bategereje ko imanza zabo zirangira naho abandi barimo kurangiriza ibihano bakatiwe muri Afurika n'i Burayi; inshingano mfite ku batangabuhamya n'abantu bakorewe ibyaha, harimo n'abatuye mu Rwanda no mu bihugu bigize icyahoze ari Yugosolaviya; inshingano mfite ku bakozi ba IRMCT barangwa n'ubwitange, bakomoka mu bihugu 75 bitandukanye, ntibagiwe n'inshingano mfite kuri mwe ubwanyu no ku Muryango w'Abibumbye muri rusange.

Madamu Perezida,

Muri gahunda twabagejejeho mu Ukuboza umwaka ushize, ntitwari tuzi ko hazaba icyorezo gihagarika ubuzima ku isi yose. Nyamara n'ubwo bwose ibihe biteye bityo, IRMCT yakomeje gukora akazi ishinzwe kandi igira ibyo igeraho. Twubahirije inshingano zo gutanga raporo mu rwego rw'isuzuma ry'inshingano za IRMCT, twuzuza n'izindi nshingano ngarukagihe. Ku buryo bushoboka bwose, twagabanyije ibintu

byadindiza imirimo kubera ko Abacamanza n'abakozi bakomeje gukora batikoresheje, batagaragara, kugira ngo imirimo ibera mu cyumba cy'iburanisha nisubukurwa ibintu byose bya ngombwa bizabe biri mu buryo. By'umwihariko, twateye intambwe nini mu bikorwa byo gushakisha abaregwa batarafatwa.

IRMCT yateguye inyandiko zirambuye nyinshi izishyikiriza Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu rwego rw'isuzuma ikora ku ntambwe tumaze gutera mu kazi kacu. Turashimira umwanya duhabwa wo gutekereza ku byo twagezeho no kureba ibikwiye kuvugururwa kurushaho mu rwego rwo kunoza imikorere.

Mu mezi ashize, IRMCT yibandaga ku gukora ku buryo imirimo y'ubucamanza ikomeza nta guhagarara. Kugira ngo ibyo bigerweho, twifashishije ibikoresho byose dufite mu rwego rw'amategeko ndetse n'aho byabaye ngombwa duhindura uburyo bw'imikorere. Byongeye kandi, n'ubwo iki cyorezo cyabangamiye imirimo ibera mu cyumba cy'iburanisha, kubera ko imyinshi mu mirimo yerekeranye n'imanza ikorwa mu nyandiko, imirimo yerekeranye na zo yarakomeje nta kidobya nyinshi zibayeho. Cyakora, imanza byari byitezwe ko zizasozwa bitarenze mu mpera z'uyu mwaka ubu byitezwe ko zizasozwa mu gice cya mbere cy'umwaka utaha.

Kuri iyi ngingo, navuga nk'Urubanza rwa Stanišić na Simatović ruburanishirizwa i Lahe, aho imbogamizi zatewe n'icyorezo cya Koronavirusi zahagaritse imirimo yo mu cyumba cy'iburanisha mu gihe itangwa ry'ibimenyetso bishinjura Simatović ryari rigeze hagati. Byitezwe ko iburanisha ry'urwo rubanza rishobora kuzasubukurwa ku itariki ya 7 Nyakanga 2020, kandi ko abatangabuhamya bose bashobora kuzumvwa mu Rukiko mbere y'uko uyu mwaka urangira. Byitezwe ko urwo rubanza ruzasomwa mu rw'iremezo muri Mata 2021.

Muri urwo rwego kandi, iburanisha ry'urubanza rwa Mladić mu bujurire, ryari riteganyijwe kuba muri Werurwe ariko rikimurirwa muri Kamena bitewe ni uko Mladić yagombaga kubagwa ku mpamvu z'uburwayi, riherutse gusubikwa kugera igihe hazatangirwa andi mabwiriza bitewe n'ingaruka ziterwa byanze bikunze n'iki cyorezo kibasiye isi. Hagati aho, imirimo irakomeje kandi Urugereko rw'Ubujurire rwiteguye kuburanisha mu bujurire urubanza rwa Mladić vuba bishoboka kandi igihe nta mpungenge za Koronavirusi zizaba zikiriho. Biteganyijwe ko isomwa ry'imikirize y'urubanza mu bujurire rizaba hashize amezi icyenda nyuma y'iburanishwa ry'urubanza mu bujurire.

Ku Ishami ry'Arusha, Umucamanza umwe rukumbi yasubitse itangira ry'iburanisha mu rw'iremezo mu rubanza rwa Turinabo na bagenzi be rwerekeranye n'ibyaha byo gusuzugura Urukiko maze arwimurira mu mpera za Kanama. Ibi kandi byatewe n'ingamba zinyuranye zashyizweho zirimo izibuza urujya n'uruza rw'abantu zatumye abantu b'ingenzi, baba ku migabane itatu itandukanye, harimo abaregwa n'abavoka babo, kimwe n'abatangabuhamya, badashobora gukora ingendo. N'ubwo izo mbogamizi ziriho, imihango mbanzirizarubanza n'imirimo yo kwitegura iburanisha ry'urubanza irakomeje ku buryo byitezwe ko isomwa ry'urubanza mu rw'iremezo rizaba muri Werurwe 2021.

N'ubwo uko gutinda kw'imirimo guterwa n'impamvu IRMCT idafiteho ububasha, turabizeza ko dukora ibishoboka byose kugira ngo izo manza ziburanishwe kandi zisozwe mu buryo bwihuse bushoboka bwose.

Madamu Perezida,

Ingano y'akazi dufite igomba kandi kongera gusuzumwa hashingiwe ku kintu cy'ingenzi cyabaye mu gihe kirebwa n'iyi raporo. Aha ndavuga ku ifatwa rya Félicien Kabuga, wari umwe mu bantu barezwe bagishakishwa. Kuva Kabuga n'abandi bantu bamaze imyaka irenga 20 bashakishwa batarafatwa, kugera ubu kubaburanisha ntibyari mu bikorwa byacu by'ibanze ahubwo byashyirwaga muri gahunda

y'ingoboka. Akazi Porokireri Brammertz n'ikipe ye bakoze katanze umusaruro watugejeje kuri icyo gice cy'ingenzi cy'inshingano zacu cyari kimaze igihe kirekire cyane gitegerejwe. Bakwiye gushimirwa kubera ubwitange bwabo bwatumye bigerwaho. Madamu Perezida, igihugu ukomokamo cy'u Bufaransa, hamwe n'ibindi bihugu bigize Umuryango w'Abibumbye n'abandi bafatanyabikorwa, cyagize uruhare mu gutuma icyo gikorwa cy'ingirakamaro kigerwaho kandi ni icyo gushimirwa. Muri urwo rwego kandi, abandi bantu bose bakwiye gushimirwa ni abafashije IRMCT kugira ngo ibashe kwemeza urupfu rwa Augustin Bizimana, undi muntu wari mu baregwa bagishakishwa.

Sinabura kwibaza ku mubare w'abandi bantu barezwe bagishakishwa bashobora kuba bafatwa bagashyikirizwa ubutabera, haramutse hakomeje kugaragara ubufatanye n'ukwizerana byagaragariye muri ibyo bikorwa byagezweho. Nimureke twoye kurekera aho ahubwo dukomeze kuri uwo muvuduko kugira ngo intego y'ubutabera mpuzamahanga igerweho.

Ku rundi ruhande ariko, ikibazo cy'abantu icyenda bagizwe abere n'abandi bafunguwe bari Arusha kigaragaza isura itari nziza. Nk'uko nabivuze mbere, kandi nk'uko byemejwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu byemezo binyuranye yafashe, IRMCT ubwayo ntiyabasha gukemura iki kibazo. Twizeye umusaruro uzava ku bushake n'ubwitange byanyu. N'ubwo twe tubona ko iki gihe gishira tugatanga raporo kiba kigufi, nta gushidikanya ko ari kirekire birambiranye kuri buri wese muri abo bagabo icyenda, umwe muri bo akaba yaraheze mu gihirahiro cyo kubura aho yerekeza kuva mu mwaka wa 2004. Kuba twese tunanirwa gukemura icyo kibazo bituma inzego dukoreramo zitakarizwa icyizere kandi bikanagabanya agaciro k'ibindi byiza byagezweho. Bityo rero, ndagira ngo nongere mbasabe inkunga yanyu mu gufasha kurangiza iki kibazo kitagombye gukomeza kubaho.

Madamu Perezida,

Nagira ngo noneho mvuge ku byerekeranye no gufungura mbere y'igihe abakatiwe, ikintu Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yitayeho by'umwihariko, nk'uko bigaragarira mu Cyemezo 2422 (2018), kandi nanjye numva ari ingenzi cyane. Mu kwezi gushize, mu rwego rwo kurushaho gukorera mu mucyo, kungurana ibitekerezo no kwirinda kwivuguruza mu mikorere, nashyizeho Amabwiriza ngengamikorere avuguruye ku bikurikizwa mu gusaba imbabazi, igabanyagihano no gufungurwa mbere y'igihe umuntu yakatiwe. Nizeye ko ayo Mabwiriza avuguruye azafasha gusobanura uburyo bukurikizwa kandi agafasha gutuma habaho inzira yoroheje kandi yihuse, ifasha gukusanya amakuru yuzuye kurushaho ashingirwaho mu gufata icyemezo. Mu bintu byavuguruwe byerekeranye n'uburyo bukurikizwa, harimo impinduka ebyiri z'ingenzi, zigaragaza igipimo cy'ibintu bigomba kuba byujujwe IRMCT ikurikiza kugira ngo umuntu abe yakwemererwa gufungurwa mbere y'igihe yakatiwe, n'ububasha busesuye Perezida afite bwo kwemerera umuntu gufungurwa mbere y'igihe yakatiwe mu gihe yujuje ibisabwa.

Mvuga muri rusange ku irangizwa ry'ibihano, kubera icyorezo cya Koronavirusi nafashe icyemezo cyo gusaba ibihugu birangirizwamo ibihano kujya bitanga amakuru ku ngamba zafashwe mu magereza yose afungiwemo abantu bose bakatiwe n'inkiko. Hashingiwe ku Itegeko natanze ku itariki ya 24 Mata 2020, kuva icyo gihe ngezwaho amakuru buri byumweru bibiri. Muri urwo rwego kandi, nasabye guhabwa amakuru yerekeranye n'amagereza bwite ya IRMCT ari Arusha n'i Lahe. Kubera ko umutekano n'imibereho myiza y'abantu baregwa, abafunzwe n'abakatiwe n'inkiko zacu ari ingenzi, nzakomeza gukurikiranira hafi cyane ibyo bibazo mu mezi ari imbere. Hagati aho, mboneyeho umwanya wo gushimira ibihugu birangirizwamo ibihano kubera ubufatanye bw'ingirakamaro haba muri urwo rwego no mu bindi bintu.

Nyamara ariko, birababaje ko Koronavirusi atari yo virusi yonyine duhanganye. Mu gihe twese duhanganye n'ingorane z'ibi bihe by'amage bidasanzwe ku rwego mpuzamahanga, ntitugomba kwirengagiza ingaruka mbi z'urwango, amacakubiri no guhakana ibyabaye, bikomeje kwimakazwa.

Tugomba guhangana n'abantu birengagiza ubutabera bakimakaza umuco wo kudahana. Mu gihe kirebwa n'iyi raporo twibukamo ibintu bibiri by'agahomamunwa byabaye mu mateka rusange yacu nk'inyokomuntu. Mu mwaka ushize habaye umuhango ngarukamwaka wo kwibuka, ku ncuro ya 25, jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, naho muri uyu mwaka hateganyijwe umuhango ngarukamwaka wo kwibuka, ku ncuro ya 25, jenoside yabaye muri Srebrenica. N'ubwo tuzi ko buri mikorobe yose idatera icyorezo, buri munsi tubona ko izo ngufu kirimbuzi zigenda zirushaho kugira ubukana, kandi ko ababiba urwango barushaho kubikorana umurava. Tugomba kuvuguruza ibisobanuro byabo bwite baha ibyabaye kandi tukifatanya n'abantu byagizeho ingaruka kandi bakomeje guhura na zo ari na ko tubaha ubufasha. Ni muri urwo rwego mu kwezi gutaha IRMCT izitabira umuhango ngarukamwaka wo kwibuka, ku ncuro ya 25, jenoside yabaye muri Srebrenica. Nizeye rwose ko ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bizazirikana uwo muhango w'ingirakamaro wo kwibuka ayo mahano ntagereranywa.

Madamu Perezida,

N'ubwo byabaye ngombwa ko IRMCT ikurikiza uburyo bw'imikorere butandukanye n'ubwatangajwe mbere, ntewe ishema no kuvuga ko twabashije guhangana n'ibibazo biriho. Ibintu byose byagezweho bivugwa muri Raporo mufite imbere yanyu ntibyari gushoboka iyo hataba ubwitange n'umurava byaranze Abacamanza n'abakozi bacu, hamwe n'abandi bose bagira uruhare mu mirimo ya buri munsi ya IRMCT. Ndabashimira ubwitange n'umurava utagereranywa bagaragaje ubudahwema, cyane cyane muri aya mezi ashize. Mu bihe bigoye nk'ibi ni bwo umuntu yibuka akamaro kihariye k'abantu tubana mu buzima bwacu: abavandimwe n'incuti hamwe na bagenzi bacu dukorana.

Mu gusoza, Madamu Perezida, ndagira ngo nshimire abahagarariye ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye kuba bateze amatwi iri jambo uyu munsi no kuba ibihugu byabo bidahwema gutera inkunga no gufasha IRMCT. Ntegereje igihe tuzongera guhura imbonankubone, nta mpungenge dufite zerekeranye n'amagara yacu.

****

**Ukeneye andi makuru wabaza Ibiro bishinzwe imibanire ya IRMCT no hanze**
Arusha, Terefone: +255 (0)27 256 5376
Lahe, Terefone: +31 (0)70 512 5691
Imeyiri: mict-press@un.org
Dukurikire kuri Facebook, Twitter, YouTube, LinkedIn
www.irmct.org